# 11: Mpimbariz' Iman'ibyo yankoreye

1.

Mpimbariz' Iman'ibyo yankoreye: Yatanz' Umwana wayo w'ikinege, Amfir' ab' icyiru cy'ibyaha byanjye; Nukw'anshir' icyanzu ngo njyemw'ijuru.

Ref:

Nsingize, nsingize Yesu wamfiriye! Nsingize, nsingize uwo Mwami wanjye!
Namwe ngo nimuz' abageze kwa Se;Mumwitabe mwese, mumusingize !

2.

Yamberey' inshungu i Gologota, Angur' amaraso : sinkir' uwanjye. Uwab' umugome, akamwizera,Yakizw' ako kany' akababarirwa.

3.

Yakoz' ibikomeye ! Twishimane ! Twishimir' ubuntu n'imbabazi ze. Nyamar' ubw' azaza tumwirebera,Nta wavug' uburyo tuzamushima.

Visit us at indirimbo.com